REPUBULIKA Y'U RWANDA
PEREFEGITURA YA BYUMBA
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO
SIPORO N'UMUCO

Byumba, kuwa 15/10/2000

Bwana Perefe wa Perefegitura
ya BYUMBA

**Impamvu:** Raporo y'Igihembwe
cya 3 cy'umwaka w'2000

Bwana Perefe,

Ku mugereka w'iyi baruwa, nejejwe no kubohereza raporo y'akazi ko mu gihembwe cya 3 cy'umwaka w'2000.

Iyo raporo ikubiyemo ingingo z'ingenzi zikurikira:

1) URUBYIRUKO
2) SIPORO
3) UMUCO
4) IBYIFUZO

Mbifurije kubyakira neza.

**Bimenyeshejwe:**

-Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko
Siporo n'Umuco
KIGALI

Umuyobozi w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco
muri BYUMBA
P.Célestin RUDAKUBANA.

# URUBYIRUKO

-Tariki 10/07/2000, mu Biro MIJESPOC-BYUMBA ikoreramo habereye inama ya Komite ya Perefegitura y'inzego z'urubyiruko na Encadreur wa Perefegitura.

**Ibyari ku murongo w'ibyigwa:**

1.Iteganyabikorwa cy'igihembwe cya gatatu 2000.

2.Ingamba zafatwa ngo inzego z'urubyiruko zikore neza.

3.Ibibazo rusange: -Gufunguza Konti y'inzego z'urubyiruko.

-Isangano ry'urubyiruko.

-Umubano wihariye (Jumélage)

-Umushinga wakorera muri C.F.J Mulindi.

Nyuma yo kwiga ingingo ku yindi, hafashwe icyemezo cyo gusura inzego z'urubyiruko muri buri Komini hagamijwe kuzikangura ngo zikore neza.Kugira ngo ako kazi gashoboke abantu babiri boherejwe muri buri zose kuri ubu buryo.

| ZONE | ABAKOZEYO |
|---|---|
| 1.CYUNGO-TUMBA-BUYOGA | HABYALIMANA J. d'Amour +MUBERA Félicien |
| 2.CYUMBA-KIVUYE-XXXXXXXX KIYOMBE | MPONYI Paul +NSENGIYUMVA Bernard |
| 3.KIBALI-KINYAMI-MUKARANGE | MUKIZA Epaphrose +HARELIMANA Eric |
| 4.MUHURA-RUTARE-GITI | RUDAKUBANA P.Célestin +NDAHAYO Pascal |
| 5.BWISIGE-NGARAMA-GITUZA | KAJONJORI Samson +MUREKEYISONI Jacquiline |

**Ingingo zaganiriweho:**

-Gushinga za Club anti-SIDA

-Gushinga ibigega by'urubyiruko

-Kwitabira umurimo no kwibumbira mu mashyirahamwe

-Siporo n'imyidagaduro

-Kurwanya ihohoterwa ry'abana, abari n'abategarugori

-Isangano ry'urubyiruko(26/11-03/12/2000).

Muri iyo nama kandi hari hemejwe amahugurwa yagenerwa abahuzabikorwa b'amakomini yari ateganijwe tariki ya 18 na 19 Kanama 2000.Hari hemejwe kandi ko tariki ya 26 na 27/08/2000 hazaba "Week-end sportif contre le SIDA" Ibyo byose ntibyashoboye kuba kubera ko byaburiwe amikoro.

Ibindi bikorwa byahuje urubyiruko ni amanama yabaye hirya no hino mu makomini, ingando ndetse na Yubile.

.../...

## INGANDO Y'URUBYIRUKO YABEREYE I BUREHE

Ingando y'urubyiruko "BUREHE Nyakanga 2000" Iyo ngando yari iya kabiri nyuma y'iyabereye i RWAMIKO muri Werurwe.Urubyiruko rwa mbere rwageze i BUREHE kuwa 01/07/2000 nyuma y'icyumweru nibwo yafunguwe kumugaragaro ubwo hari kuwa 07/07/2000. Muri rusange usibye urubyiruko na bayobozi b'ingando,abashyitsi baribitabiriye uwo munsi naba bakurikira:

1.Nyiricyubahiro Musenyeri wa Diocèse ya Byumba.

2.Sous-Préfet w'Imibereho Myiza y'Abaturage muri RUHENGERI.

3.Burugumesitiri wa Komini CYUNGO.

4.Burugumesitiri wa NYAMUGALI

5.Intumwa ya C.R.S

6.Cordinateurs b'urubyiruko KABGAYI,KIGALI-NGALI.

7.Inspecteur wa mashuri mu Karere ka CYUNGO.

8.Padiri Mukuru wa Paroisse ya BUREHE.

Umushyitsi Mukuru yari Nyiricyubahiro MUSENYERI wa BYUMBA.

Iyi ngando niya kabiri muri eshatu ziteganijwe kubera muri Diyosezi ya Byumba.Akomeza asobanura ko iyi ngando igamije kwiga no gukora imirimo y'amaboko,guhuza urubyiruko rwo mucyaro bagasabana bari kumwe basangira akabisi n'agahiye ndetse n'umuruho.

Yakomeje asobanura ko uyu mushinga aruwo kwimakaza Umuco w'amahoro ukaba ukorera muri Diosezi enye aribo BUTARE,KIGALI-NGALI,KABGAYI na BYUMBA.Ukaba ufashwa na Caritas ya banyamerika inyujije inkunga muri C.R.S .Ati:kuko urubyiruko arirwo rugize igice kinini cya banyarwanda 60% niyo mpamvu rugomba kwitabwaho kuko arirwo bukungu bw'igihugu.

Yakomeje agaragaza impungenge urubyiruko ruramutse rutitaweho,avuga agira ati:icyo asaba leta: -Kurwereka yuko rwitabwaho -Kurutegurira ejo hazaza n'ibindi.....

Urubyiruko rwitabiriye kuza mu ngando y'i Burehe bose hamwe bari:192 baturutse mu maperefegitura atatu.

| PEREFEGITURA BYUMBA | | PEREFEGITURA KIGALI-NGALI | | PEREFEGITURA RUHENGERI | |
|---|---|---|---|---|---|
| KOMINI | UMUBARE | KOMINI | UMUBARE | KOMINI | UMUBARE |
| MUHURA | 2 | MBOGO | 2 | NYAMUGALI | 45 |
| RUTARE | 1 | MUGAMBAZI | 3 | | |
| KIBALI | 2 | | | | |
| TUMBA | 30 | | | | |
| BUYOGA | 25 | | | | |
| CYUMBA | 12 | | | | |
| CYUNGO | 46 | | | | |
| KIVUYE | 21 | | | | |
| MUKARANGE | 1 | | | | |

1 wa Komini MUVUMBA Perefegitura y'u MUTARA.

.../....

Nkuko byavuzwe haruguru ingando yarigamije ibi bikurikira:
mu masomo mu mirimo ya maboko, urubyiruko, rwubatse inzu 13 zabatishoboye(Abatwa).
Ku masomo ho ntabwo abagombaga kwigisha babyitabiriye cyane kandi twari twarabibateguje hakiri kare.Amasomo rero yari makumyabili na tatu(23)higishijwe gusa amasomo cyenda(9).
Birumvikana rero yuko tugereranije n'ingando ya RWAMIKO niya BUREHE ntaho bihuriye kuko iya mbere higishijwe hafi amasomo yose yari yategujwe.Tugarutse inyuma gato ku mirimo y'amaboko,wa rumurimo ukomeye cyane dore ko tutarangije inshingano twari twiyemeje yo kubaka amazu agera kuri makumyabili n'atatu(23) bikaba byaratewe rero nuko twagombaga gukora urugendo rurerure tuva aho twaridukambitse tugera aho twubakaga.Paruwasi BUREHE-NYAMUGALI(18Km) kugenda no kugaruka. Birumvikana yuko byari bikomeye ,ahubwo ntitwarikubaka n'amazu abiri iyo ubuyobozi bwa Komini NYAMUGALI butabidufashamo dore ko abaturage baho babigizemo uruhare runini navuga nko: -Gusiza - Gutunda amabuye ya Fondation -Gutunda ibiti -Gutunda rukarakara n'ibindi....
Nkuko ubundi bisanzwe,ingando dukora ziba zifite iminsi mirongo itatu,ku munsi wa 29 byose byararangiye turimo kwitegura gufunga. Hanyuma kuwa 31/07/2000 dufunga ingando.

Uwo munsi wari witabiriwe n'abantu benshi cyane baturutse muri Komini CYUNGO na NYAMUGALI.
Ndetse n'abashyitsi bakuru baturutse ahandi twavugamo cyane cyane.

-Perefe wa RUHENGERI Bwana RUCAGU Boniface
-Musenyeri wa Diocèse ya BYUMBA
-Intumwa ya C.R.S:MUTIMANA Frédéric
_Umuyobozi mu rwego rw'Igihugu wa APEB rikaba ar'ishyirahamwe rya ABATWA.

Mu gusoza ibirori byo gufunga ingando kumugaragaro :Perefe wa RUHENGERI yafashe ijambo.
Bwana RUCAGU,yatangiye abaza ABATWA ibibazo;

Ikibazo cya mbere ati:

Q:Igikorwa cyacu kitwibutsa iki ?

R:Urukundo
Urwibutso
Ubutwari
Ubusabane

Q:Ibisenya igihugu n'ibihe ?
R:Inda nini
Ubujiji
Ubukene
Q:Naho ibyubaka ?
R:Ubutwari,umurava no gukunda igihugu.

Akomeza agira ati ,umuhutu,umututsi n'umutwa n'amashyiga atatu abumbye kanyarwanda.
asaba ashimira urubyiruko rushoje ingando anemera umwe mururwo rubyiruko.kuzamufasha agakomeza amashuri dore ko yari yaragarukiye muwa kabili wisumbuye.

.../...

INGANDO YABEREYE GASEKE MURI KOMINI BUYOGA

Tariki ya 4/09/2000:S/Perefe ushinzwe imibereho Myiza y'Abaturage n'Umuco,Burugumesitiri wa Komini BUYOGA,Encadreur wa Perefegitura ndetse n'abakozi ba OXFAM-QUEBEC bitabiriye umuhango wo gufungura ingando y'urubyiruko yabereye i GASEKE.Iyo ngando yamaze ibyumweru 2 urubyiruko rubumba amatafari yo kwagura ishuri ryisumbuye ryubatse aho i GASEKE. Uretse uwo murimo,urubyiruko rwari aho rwahawe n'amasomo ajyanye n'uburere mbonezagihugu.

YUBILE Y'URUBYIRUKO I BYUMBA

1.Itegurwa ya Yubile

2.Urugendo rutagatifu ry'urubyiruko

3. 3 NZERI 2000.

-Hari hashize iminsi Diocèse ya Byumba itegura Yubile y'urubyiruko,hashyirwaho commission yo kuyitegura muri iyo commission yigabanyijemo ibice bitatu

a)abo gutegura Liturgia

b)abo gutunganya ahazakirirwa abatumiwe(Site)

c)Abazakira abashyitsi,

Murabo bashyitsi rero harimo Intumwa za Leta na Kiliziya Katolika ndetse n'urubyiruko rwaturutse mu ma Diocèes yose y'u Rwanda kuko byahiswemo umunsi mukuru wagombaga kubera muri Diocèse ya BYUMBA,ugahuza urubyiruko Katolika rwose rwo mu Rwanda,buri rubyiruko rwose rwo mu ma Diocèses yose yo mu Rwanda yaraje ahurira i KIGALI kugirango ruhakusanyirijwe,hanyuma kuwa 1 Nzeri rutangire urugendo rutagatifu rwerekeza iya BYUMBA kumaguru niko byagenze koko.Urubyiruko rwigabanijemeo ibice bibiri,rumwe ruca RWESERO ruruhukira i RWAMIKO,urundi ruca ahandi ruruhukira ku MUSHANSA, kuwa 2 Nzeri ruraharara bucya rwerekeza iya Byumba.Nyuma ya sa sita nibwo rwasesekaye muri Byumba ariko mbere yo kugera mu mugi rwari rwasanganiwe n'urubyiruko rwa Byumba mu RUKOMO.Baraza rero barakirwa baracumbikirwa bararuhuka bucya ariwo munsi mukuru nyirizina.

-Kuwa 3 Nzeri 2000 mu Kigo cya mashuri (Social)habereye umuhango wo guhimbaza Yubile y'urubyiruko.Muruwo muhango hari hatumiwe abantu benshi barimo abategetsi bakuru ba Leta bayobowe na Minisitiri w'Intebe hamwe n'abategetsi bakuru ba Kiliziya bayobowe na Musenyeri Mukuru Vencent NTIHINYURWA.Usibye abo mvuze haruguru hari urubyiruko rwinshi rwaturutse imihanda yose hamwe n'amatorero menshi ndetse hamwe n'urubyiruko rwazobereye mu myitozo ngororangingo rwa Komini KIVUYE,aho navuga yuko rwaherekanye ibintu byinshi byiza ndetse kuburyo na Minisitiri ushinzwe urubyiruko,umuco na siporo yabahaye inkunga y'ibihumbi magana abiri(200.000FRW).Mubatumirwa harimo abafashe ijambo,habanje umujenekazi wari uhagarariye urubyiruko;we yibanze mu bibazo urubyiruko ruhura nabyo,bikabaviramo ingaruka zitari nke zirimo na SIDA,arangiza ashimira urubyiruko uburyo rwitanze mururwo rugendo rwakoresheje amaguru. Ariko mbere yuko uwo mukobwa afata ijambo hari habanje Musenyeri wa Diocèse ya Byumba avuga amavu n'amavuko ya Yubile hanyuma akurikizaho kwerekana abatumirwa bimena.(Bakuru) ba Leta.

..../.....

Nyuma yaho hakurikiyeho ijambo rya Bwana Perefe wa Perefegitura ya BYUMBA.Atangira ashima Yubile,uburyo yateguwe na bayiteguye,ati rubyiruko nimwe maboko y'igihugu abumvisha ko aribo igihugu gitezeho amaso mu majyambere yacyo.

Ijambo ryo gusoza Yubile y'urubyiruko rya ry'umushyitsi Mukuru ariwe Minisitiri w'Intebe. Nawe mubijyanye n'uwo munsi yashimiye abaraho bose ariko cyane urubyiruko anarubwira yuko Leta ikora uko ishoboye kugirango irwiteho ati ubu munteko ishinga amategeko barimo kwiga ukuntu urubyiruko rwahagararirwamo n'abadepite,xxxxxxx nawe yagarutse ku cyorezo cya SIDA ati ikibababaje nuko SIDA yibasira urubyiruko kandi arirwo maboko y'igihugu Arangiza asaba urubyiruko gutozwa umuco mwiza no gutsinda ubunebwe kuko aribo igihugu gihanze amaso.

Nyuma y'ijambo ry'umukuru wa Guverinoma rero hakurikiyeho kwiyakira.Abashinzwe Protocole babagabanyamo amatsinda abiri. Abayobozi bakuru ba Leta hamwe n'abakiliziya bakiriwe ukwabo n'urubyiruko rugizwe n'abantu 60 bahura _ abandi muri buri Diocèse nabo bakina ukwabo.

## SIPORO

### 2.1 FOOT-BALL

Nyuma y'irushanwa ryahuje amakomini mu gihembwe cya 2 cy'umwaka w'2000,imyitozo yarakomeje mu masegiteri ndetse haba n'imikino yahuje ikipe "ZEBRES" n'andi makipi muri iki gihembwe cya 3 cy'umwaka w'2000.

| AMAKIPE | IKIBUGA | ITARIKI | IBITEGO |
|---|---|---|---|
| ZEBRES-APR | Stade BYUMBA | Le 30/07/2000 | 2-3 |
| ZEBRES-ETINCELLES | Stade BYUMBA | Le 2/08/2000 | 2-0 |
| ZEBRES-U.N.R | Stade BYUMBA | Le 5/08/2000 | 0-0 |
| ZEBRES-CITADINS | Stade BYUMBA | Le 9/08/2000 | 1-2 |
| ZEBRES-F.C MARINE | Stade BYUMBA | Le 12/08/2000 | 1-2 |
| ZEBRES-FLASH | GITARAMA | Le 16/08/2000 | 1-1 |
| ZEBRES-MUKURA | Stade BYUMBA | Le 20/08/2000 | 1-2 |
| ZEBRES-RAYON-SPORTS | Stade NYAMIRAMBO | Le 24/08/2000 | 1-6 |
| ZEBRES-KIYOVU | Stade BYUMBA | Le 27/08/2000 | 1-2 |
| ZEBRES-SIMBA | Stade BYUMBA | Le 30/08/2000 | 0-2 |
| ZEBRES-ETINCELLE | GISENYI | Le 03/09/2000 | 1-5 |
| ZEBRES-INTARE | Stade BYUMBA | Le 06/09/2000 | 0-2 |
| ZEBRES-A.P.R | Stade NYAMIRAMBO | Le 09/09/2000 | 0-7 |
| ZEBRES -U.N.R | BUTARE | Umukino ntiwabaye | |

..../....

## 2.2 INDI MIKINO YITABIRIWE

Uretse FOOt-ball,hari indi mikino yitabiriwe ku buryo bwa gicuti cyangwa bw'irushanwa

### 2.2.1 Volley-ball

Ikipe B.V.C(BYUMBA VOLLEY-BALL CLUB) yakinnye imikino ya gicuti n'amakipe akurikira:

| ITARIKI | AMAKIPE | AHO BAKINIYE | IBITEGO |
|---|---|---|---|
| Le 06/08/2000 | B.V.C-RUHENGERI | RUHENGERI | Seti 3 kuri 2 |
| Le 09/09/2000 | B.V.C-RUHENGELI | BYUMBA | Seti 2 kuri 3 |
| Le 16/09/2000 | B.V.C-UMUTARA | UMUTARA(MUVUMBA PROJET) | Seti 3 kuri 0 |
| Le 30/09/2000 | B.V.C-UMUTARA | BYUMBA | Seti 3 kuri 1 |

### 2.2.2.HANDBALL

Tariki ya 02/07/2000 Komini KIBALI(Abahungu) yakinnye na Nyakabanda(Abahungu) izwi ho ubuhanga muri uwo mukino iyitsindira i NYAMIRAMBO ibitego 27 kuri 25.

-Mu marushanwa ya 3e Semaine Olympique yabereye i BUTARE(le 8/9/07/2000)BYUMBA yegukanye ibikombe bibiri(2)byatwawe n'abakobwa ba Collège APEGIRUBUKI batsinze aba E.S BWISIGE n'abahungu ba Komini KIBALI batsinze U.N.R ibitego 25 kuri 21.

### 2.2.3 BASKET-BALL

-Tariki ya 23/07/2000 BBC(BYUMBA BASKET-BALL CLUB)-Ikipe imaze kwivugurura no kugaragaza ubushake bwo guteza imbere Basket-ball muri BYUMBA -Yakinnye n'abasore ba U.N.R ku kibuga cya Groupe Scolaire de la Salle itsindwa ibitego 71 kuri 46.

Icyitonderwa:Igice cya mbere cyarangiye B.B.C itsinze U.N.R ibitego 23 kuri 21.

-Tariki ya 16/09/2000,BBC yasuwe na I.S.P(Institut Supérieur Pédagogique) y'i REMERA-KIGALI bakina umukino wa Gicuti.B.B.C ntiyahiriwe kuko yatsinzwe ibitego 67 kuri 63.

### 2.2.4. GUSIGANWA(Athlétisme)

-Tariki ya 27/08/2000,urubyiruko rw'abasore n'inkumi rugera kuri 89 rwasiganwe ahareshya na Km 10(Stade BYUMBA-KAGEYO;KAGEYO-Stade BYUMBA).Iryo rushanwa ryari rigamije gukangurira abanya Byumba ku bw'umwihariko urubyiruko,kurwanya icyorezo cya SIDA.

-Amakomini yose yari yatumiwe muri iryo rushanwa ariko ayabashije kuryitabira ni:KIBALI, CYUNGO,KINYAMI,MUKARANGE,RUTARE,BUYOGA,GITI,KIVUYE na BWISIGE.

-Abarushije abandi bahawe ibihembo bishimishije,byatanzwe na USAID/JHU/PCS/RWANDA umushinga " Courons pour la vie " .Kubakobwa 19 basiganwe hahembwe batanu(5) ba mbere no ku bahungu 70 hahembwa 5.

AMAZINA Y'ABAKOBWA BATATU BITWAYE NEZA

| AMAZINA | KOMINI | IGIHE | IGIHEMBO |
|---|---|---|---|
| 1.UMUHOZA Christine | CYUNGO | 1h12'58" | 10.000FRW |
| 2.MUKANKAKA Vanicie | RUTARE | 1h14'16" | 8.000FRW |
| 3.UZAMUKUNDA Marie Justine | CYUNGO | 1h16'06" | 7.000FRW |

.../....

AMAZINA Y'ABAHUNGU BATATU BITWAYE NEZA

| AMAZINA | KOMINI | IGIHE | IGIHEMBO |
|---|---|---|---|
| 1.MVUYEKURE J.Pierre | KINYAMI | 54'24" | 10.000FRW |
| 2.HABUMUREMYI Aloys KAYURU | MUKARANGE | 54'30" | 8.000FRW |
| 3.RIIVUBI J.Baptiste | KIBALI | 54'56" | 7.000FRW |

Iryo rushanwa kandi ryitabiriwe n'amatorero(Itorero rya Komini KIBALI na Club SARA AMIZERO igizwe n'urubyiruko rwiyemeje kwamagana icyorezo cya SIDA)Yashuhije abari aho mu ndilimbo, imbyino n'imivugo.Ayo matorero yahawe agahimbazamusyi ka mafaranga ibihumbi cumi na bitanu (15.000FRW) rimwe rimwe.Uretse ibihembo twavuze haruguru,abitabiriye iryo rushanwa "Cross-Country contre le SIDA"bahawe udupira two kwambara(Tichirts).

Iryo rushanwa ryitabiriwe n'abayobozi banyuranye:Bwana Superefe ushinzwe Ubutegetsi n'amategeko muri BYUMBA MULIGANDE Bénjamin wari uhagarariye Perefe akaba yari n'umushyitsi Mukuru,Intumwa ya MIJESPOC-KIGALI Bwana Florent..................n'abakozi ba USAID, Burugumesitiri wa Komini KINYAMI Bwana KIMENYI Evariste,abakozi b'imirimo muri Perefegitura ya BYUMBA.........Ari Superefe MULIGANDE Bénjamin,Ari Intumwa ya MIJESPOC-KIGALI mu magambo yabo basabye abari aho kwihatira kurwanya icyorezo cya SIDA cyugarije Isi yose. Bashimiye abitabiriye iryo rushanwa babasaba no kuba intumwa zizashishikariza abandi kurwanya icyorezo cya SIDA.Hifujwe ko irushanwa nk'iryo ryajya riba buri mwaka kandi abarushije abandi bakajya bibumbira mu ma "CLUBS ANTI-SIDA".

2.2.5.CARATE

-Tariki ya 26-27/08/2000 mu nzu y'imikino ya Ecole Sociale (Gymnase) habereye amarusahanwa ya CARATE yahuje abanyarwanda,Abarundi n'Abanyekongo.Abantu bitabiriye "Spectacles" ku buryo bushimishije.

UMUCO

Iki gihembwe nta bikorwa byihariye bijyanye n'Umuco uretse ibisanzwe biboneka mu matorero ndangamuco.Umunsi w'Umuco le 08/09/2000 wijihirijwe muri Komini BUYOGA bakangurira abari aho kurwanya ubujiji bwo ntandaro y'ibibi byose.

IBYIFUZO

-Gusana Stade ya BYUMBA
-Kutubonera uburyo bwo kugera mu makomini.
-Kutugezaho uburyo bwo gutegura Festival iteganijwe mu gihembwe gitaha.
-Kutubonera ibikoresho bya SIPORO.
-Guhemba Encadreur-Adjoint umaze umwaka adahembwa.